

ITEKA RYA PEREZIDA N° 53/01 RYO KU
WA 19/08/2015 RISHYIRAHU
IMBONERAHAMWE Y'URUTONDE
RW'IMIRIMO N'IMIBARE FATIZO
Y'IMISHAHARA MU BUTEGETSI BWA
LETA

PRESIDENTIAL ORDER N° 53/01 RYO KU
WA 19/08/2015 ESTABLISHING THE JOB
CLASSIFICATION AND SALARY INDEX
GRID IN PUBLIC SERVICE

ARRETE PRESIDENTIEL N°53/01 DU
19/08/2015 PORTANT CLASSIFICATION
DES EMPLOIS ET GRILLE INDICIAIRE
DE SALAIRES DANS LA FONCTION
PUBLIQUE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

**UMUTWE WA MBERE : INGINGO
RUSANGE**

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier : Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Imirimo irebwa n'urutonde

Article 2: Application of job classification

**Article 2: Application de la classification des
emplois**

**UMUTWE WA II: URUTONDE
RW'IMIRIMO**

CHAPTER II: JOB CLASSIFICATION

**CHAPITRE II: CLASSIFICATION DES
EMPLOIS**

**Ingingo ya 3: Ibigenderwaho mu kugena
urutonde**

Article 3: Criteria for classification

Article 3: Critères de classification

Ingingo ya 4:Ibyiciro by'imirimo

Article 4: Job categories

Article 4 : Catégories d'emplois

**Ingingo ya 5: Icyiciro cy'imirimo ya politiki
n'ubuyobozi**

**Article 5: Political and senior public servants
category**

**Article 5: Catégorie des emplois politiques et
des hauts fonctionnaires**

**Ingingo ya 6: Icyiciro cy'imirimo
y'abaporofesiyoneli**

**Article 6: Category of professional
employment**

**Article 6: Catégorie des emplois
professionnels**

Ingingo ya 7: Icyiciro cy'imirimo ya tekiniki

Article 7: Category of technical employment

Article 7 : Catégorie des emplois techniques

<u>Ingingo ya 8:</u> Icyiciro cy'imirimo yunganira	<u>Article 8:</u> Category of supporting staff	<u>Article 8 :</u> Catégorie des emplois d'exécution
<u>Ingingo ya 9:</u> Imyanya yo mu byiciro	<u>Article 9:</u> Positioning in categories	<u>Article 9</u> Positionnement dans les catégories
<u>Article 10 :</u> Kuzamuka mu ntera ntambike	<u>Article 10 :</u> Horizontal step promotion	<u>Article 10 :</u> Progression en échelons
<u>Ingingo ya 11:</u> Imbonerahamwe y'urutonde rw'imirimo n'imbonerahamwe y'imibare fatizo	<u>Article 11:</u> Job classification table and index grid	<u>Article 11:</u> Tableau de classification des emplois et grille indiciaire
<u>Ingingo ya 12:</u> Ibigenerwa umwanya w'umurimo	<u>Article 12:</u> Job benefits	<u>Article 12:</u> Avantages liés à l'emploi
<u>UMUTWE WA III:</u> INGINGO ZISOZA	<u>CHAPTER III:</u> FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE III :</u> DISPOSITIONS FINALES
<u>Ingingo ya 13:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranije n'iri teka	<u>Article 13:</u> Repealing provision	<u>Article 13:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 14:</u> Abashinzwe kubahiriza iri teka	<u>Article 14:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order	<u>Article 14:</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté
<u>Ingingo ya 15:</u> Igihe iteka ritangira gukurikizwa	<u>Article 15:</u> Commencement	<u>Article 15:</u> Entrée en vigueur

Official Gazette n° 39 of 28/09/2015

**ITEKA RYA PEREZIDA N° 53/01 RYO KU
WA 19/08/2015 RISHYIRAHU
IMBONERAHAMWE Y'URUTONDE
RW'IMIRIMO N'IMIBARE FATIZO
Y'IMISHAHARA MU BUTEGETSI BWA
LETA**

**PRESIDENTIAL ORDER N° 53/01 OF
19/08/2015 ESTABLISHING THE JOB
CLASSIFICATION AND SALARY INDEX
GRID IN PUBLIC SERVICE**

**ARRETE PRESIDENTIEL N°53/01 DU
19/08/2015 PORTANT CLASSIFICATION
DES EMPLOIS ET GRILLE INDICIAIRE
DE SALAIRES DANS LA FONCTION
PUBLIQUE**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 113, iya 121, n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 112, 113, 121 and 201

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 112, 113, 121 et 201

Dushingiye ku Itegeko n° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo iya 5, iya 6 n'iya 54 ;

Pursuant to Law n° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the general statutes for public service, especially in Articles 5, 6 and 54;

Vu la Loi n° 86/2013 du 11/09/2013 portant statut général de la fonction publique, spécialement en ses articles 5, 6 et 54;

Dusubiye ku Iteka rya Perezida n° 17/01 ryo ku wa 23/01/2013 rishyiraho imbonerahamwe y'urutonde rw'imirimo mu Butegetsi bwa Leta;

Reviewing Presidential Order n° 17/01 of 23/01/2013 establishing the job classification in Rwanda Public Service;

Revu l'Arrêté Présidentiel n° 17/01 du 23/01/2013 portant classification des emplois de l'Administration Publique;

Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;

On proposal by the Minister of Public Service and Labour;

Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail ;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 29/07/2014 imaze kubizuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 29/07/2014;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 29/07/2014;

TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:

**HAVE ORDERED AND DO HEREBY
ORDER:**

AVONS ARRETE ET ARRETONS :

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Iri teka rishyiraho imbonerahamwe y'urutonde rw'imirimo n'imibare fatizo y'imishahara mu butegetsi bwa Leta.

Ingingo ya 2: Imirimo irebwa n'urutonde

Urutonde rureba imyanya yose y'imirimo mu butegetsi bwa Leta.

Urutonde rw'imirimo rugaragaza imyanya y'imirimo ngenderwaho mu butegetsi bwa Leta.

UMUTWE WA II: URUTONDE RW'IMIRIMO

Ingingo ya 3: Ibigenderwaho mu kugena urutonde

Imirimo yo mu butegetsi bwa Leta ishyirwa mu byiciro hakurikijwe ibigenderwaho bijyanye n'urwego rw'amashuri asabwa, uburambe ku kazi, imiterere y'umurimo ku rwego rwa tekiniki, ukwibwiriza n'ubwisanzure mu mikorere, kimwe n'uruhare uwuriho agira mu ifatwa ry'ibyemezo n'ishyirwa mu bikorwa ryabyo.

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Order

This Order establishes the job classification and salary index grid in public service.

Article 2: Application of Job Classification

The job classification shall apply to all the jobs in public service.

The job classification table indicates benchmarking jobs in public service.

CHAPTER II: JOB CLASSIFICATION

Article 3: Criteria for classification

Jobs in public service shall be classified according to the criteria linked to the required educational qualifications, professional experience, the technical nature of the job, initiative and autonomy, as well as the degree of responsibility and decision – making.

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES

Article premier : Objet du présent arrêté

Le présent arrêté porte classification des emplois et grille indiciaire de salaires dans la fonction publique.

Article 2: Application de la classification des emplois

La classification des emplois s'applique à tous les emplois de la fonction publique.

Le tableau de classification des emplois indique les emplois de référence au sein de la fonction publique.

CHAPITRE II: CLASSIFICATION DES EMPLOIS

Article 3: Critères de classification

Les emplois de la fonction publique sont classés conformément aux critères liés au niveau de formation requise, expérience professionnelle, technicité exigée par l'emploi, initiative et autonomie ainsi que le degré de responsabilité et de prise de décision.

Ingingo ya 4: Ibyiciro by'imirimo

Icyiciro cy' imirimo gikubiyemo imirimo ifite ibyo ihuje mu byerekeye imiterere y'inshingano n'ibikorwa abayirimo basabwa, uburyo bw'ishyirwa mu myanya, bw'izamurwa mu ntera n'ubw'isuzumamikorere, ibyangombwa bigenerwa akazi n'imiterere yako, kimwe n'uburyo bwo kuva ku kazi burundu.

Urwego rw'umurimo ni aho umurimo uherereye n'uruhererekane rw'imiyoborere mu cyiciro urimo.

Ingazi ntambike yerekana aho umurimo cyangwa umwanya uyu n'uyu uherereye mu cyiciro kimwe cy'umurimo mu buryo ntambike.

Imirimo yo mu butegetsi bwa Leta iri mu byiciro bine (4) bikurikira:

- 1° icyiciro cy'imirimo ya politiki n'iy'ubuyobozi;
- 2° icyiciro cy'imirimo y'aba porofesiyoneri;
- 3° icyiciro cy'imirimo ya tekini;
- 4° icyiciro cy'imirimo yunganira

Ingingo ya 5: Icyiciro cy'imirimo ya politiki n'iy'ubuyobozi

Icyiciro cy'imirimo ya politiki n'iy'ubuyobozi cyerekeranye n'imyanya y'akazi yose ba nyirayo

Article 4: Job categories

Category shall refer to a grouping of jobs with common characteristics with regard to the nature of duties or tasks assigned, access criteria, promotion and assessment modalities, conditions of service and organisation, as well as the mode for job termination.

Employment level refers to the hierarchical positioning of the job on a classification scale.

Echelon shall refer to the indicator which specifies the horizontal promotional status of employees in the same job.

Jobs in public service shall be grouped in the following four (4) categories:

- 1° the category of political appointment and senior public servants;
- 2° the category of professionals;
- 3° the category of technicians;
- 4° the category of supporting staff.

Article 5: Political and senior public servants category

The political and senior public servants category shall refer to any employment position whereby

Article 4 : Catégories d'emplois

La catégorie est un regroupement d'emplois ayant des caractéristiques communes en ce qui concerne la nature des fonctions ou tâches exercées, les critères d'accès, les modalités de promotion et d'évaluation, les conditions de travail et son organisation, ainsi que le mode de cessation des services.

Le niveau de l'emploi est le positionnement hiérarchique de cet emploi sur une échelle de classification.

L'échelon est l'indicateur qui précise la situation d'avancement horizontal d'un agent dans un même emploi.

Les emplois de la fonction publique sont regroupés en quatre (4) catégories suivantes :

- 1° la catégorie des emplois politiques et de hauts fonctionnaires publics ;
- 2° la catégorie des professionnels ;
- 3° la catégorie des techniciens ;
- 4° la catégorie des emplois d'exécution.

Article 5: Catégorie des emplois politiques et des hauts fonctionnaires

La catégorie des emplois politiques et des hauts fonctionnaires se rapporte à toute position de

Official Gazette n° 39 of 28/09/2015

bakora ijyanye no guhagararira ubutegetsi bw'Igihugu n'ubusugire bwacyo cyangwa kugihagararira mu mahanga, imirimo yo kuyobora ibikorwa no kubihuza.

the incumbent performs duties representing the authority of the State, duties reflecting national sovereignty or representing the Country abroad, supervisory, managerial and coordination duties.

travail où le titulaire exerce des fonctions de représentation de l'autorité de l'Etat, d'expression de la souveraineté nationale, de représentation du pays à l'extérieur, de supervision, de gestion et de coordination.

Ingingo ya 6: Icyiciro cy'imirimo y'abaporofesiyoneli

Icyiciro cy'imirimo y'abaporofesiyoneli cyerekeranye n'imyanya y'akazi yose ba nyirayo bakora ijyanye no gutegura ibigomba gukorwa, gukurikirana, kugenzura no gusuzuma uburyo bikorwamo, gusesengura no gukora ubushakashatsi, gutegura za politiki, kwerekana ibyerekezo no kugaragaza uko byashyirwa mu bikorwa.

Article 6: Category of professional employment

The professional category shall refer to any employment position whereby the incumbent performs planning, monitoring and evaluation duties, carries out analysis and research, formulates policies, guidelines and implementation strategies.

Article 6: Catégorie des emplois professionnels

La catégorie des emplois professionnels se rapporte à toute position de travail où le titulaire exerce des fonctions de planification, contrôle, suivi et évaluation, analyses et recherches, conception de politiques, orientations et stratégies de mise en œuvre.

Ingingo ya 7: Icyiciro cy'imirimo ya tekiniki

Icyiciro cy'imirimo ya tekiniki cyerekeranye n'imyanya y'akazi ba nyirayo bakora bashyira mu bikorwa imirimo y'ubuhanga n'iyerekeranye n'ibya tekiniki.

Article 7: Category of technical employment

The technical category shall refer to any employment position whereby the incumbent performs duties or tasks of technical implementation nature.

Article 7 : Catégorie des emplois techniques

La catégorie des emplois techniques se rapporte à toute position de travail où le titulaire exerce des fonctions de mise en application technique.

Ingingo ya 8: Icyiciro cy'imirimo yunganira

Icyiciro cy'imirimo yunganira cyerekeranye n'imyanya y'akazi nyirayo akora imirimo yeretswe ku buryo ntawe azenzura nta n'undi yayishinga. Akora imirimo yunganira abandi ashingiye ku mabwiriza ahabwa n'umuyobora.

Article 8: Category of supporting staff

The supporting staff category shall refer to any employment position whereby the incumbent performs simple supporting duties in accordance with the supervisor's guidance and without any supervisory role or possibilities of delegation. He/she applies to support tasks following the guidelines of the hierarchical superior.

Article 8 : Catégorie des emplois d'exécution

La catégorie des emplois d'exécution se rapporte à toute position de travail où le titulaire exerce des fonctions de simple exécution sans rôle de supervision, ni possibilité de délégation. Il s'applique à des tâches d'appui conformément aux directives du supérieur hiérarchique.

Ingingo ya 9: Imyanya yo mu byiciro

Urutonde rw'imirimo rukozwe ku buryo imirimo yose ikusanirizwa mu mbonerahamwe igizwe n'ibyiciro bine (4) buri cyose kirimo inzego makumyabiri (20), urwa 14 murizo rukaba ari rwo ruhera hasi, naho urwa A rukaba ari rwo rusumba izindi; n'ingazi cumi n'esheshatu (XVI), iya mbere I muri zo ikaba ari yo ntoya ku zindi, na ho iya XVI ikaba ari yo izisumba.

Inzego makumyabiri (20) zirimo uduce umunani (8) twanditse mu nyuguti kuva kuri 'A' kugeza kuri 'H' twerekeye imirimo ya politiki n'abayobozi bakuru bavugwa mu mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, muri two 'A' kakaba ariko ko hejuru, naho 'H' kakaba ariko gahera utundi; n'uduce cumi na tubiri (12) twanditse mu mibare kuva kuri 3 kugeza kuri 14 twerekeye imirimo y'abayobozi, iy'abaporofesiyoneli, iya tekini n'imirimo yunganira, muri two '14' kakaba ariko gato muri twose, naho '3' kakaba ariko gasumba utundi.

Mu mbonerahamwe y'urutonde rw'imirimo inyuguti ya 'G' ibangikana n'umubare '1' naho 'H' ikabangikana na '2'.

Ingingo ya 10 : Kuzamuka mu ntera ntambike

Mu mbonerahamwe y'imibare fatizo, ingazi ntambike itangirirwaho ku myanya y'imirimo iri ku rwego rwa A kugeza kuri G/1 ni IV, mu gihe imyanya y'imirimo iri ku rwego rwa H/2 igira ingazi ntambike itangirirwaho ya III.

Article 9: Positioning in categories

Job classification shall be carried out by grouping all the jobs in a general framework comprising four (4) categories and positioning them on a scale consisting of twenty (20) levels, of which the 14th shall be the lowest and 'A' the highest level, and sixteen (XVI) grades of which 'I' shall be the lowest and XVI the highest grade.

The twenty (20) levels shall be broken down in eight (8) levels expressed in letters from 'A' to 'H' representing political and other specified senior servants in the classification table where 'A' shall be the highest and 'H' the lowest position; and twelve (12) levels expressed in numbers from 3 to 14 representing the directors, professional, technical and junior jobs, where '14' shall be the lowest and '3' the highest position.

In the classification table the letters 'G' and 'H' shall respectively overlap with numbers '1' and '2'.

Article 10 : Horizontal step promotion

According to the index grid table, the horizontal step' entry point for job positions on A to G/1 levels shall be IV, while it shall be III for job positions on H/2 level.

Article 9: Positionnement dans les catégories

La classification des emplois se fait en regroupant tous les emplois dans un cadre général comprenant quatre (4) catégories et en les positionnant sur une échelle comprenant vingt (20) niveaux, 14 étant le niveau le plus bas, et A étant le niveau le plus élevé, et seize (XVI) échelons, I étant l'échelon le plus bas, et XVI étant l'échelon le plus élevé.

Les vingt (20) niveaux comprennent huit (8) niveaux exprimés sous forme de lettres allant de 'A' à 'H' correspondant aux emplois politiques et autres hauts fonctionnaires spécifiés dans le tableau de classification, 'A' étant le positionnement le plus élevé et 'H' étant le positionnement le moins élevé, et douze (12) niveaux exprimés en chiffres allant de 3 à 14 correspondant aux emplois des directeurs, professionnels, des techniciens, et du personnel d'exécution, '14' étant le positionnement le moins élevé et '3' étant le positionnement le plus élevé.

Dans le tableau général de classification des emplois, les lettres 'G' et 'H' correspondent respectivement aux nombres '1' et '2'.

Article 10 : Progression en échelons

Dans la grille indiciaire de salaire, l'échelon de départ pour les postes d'emplois de niveau A jusqu'au niveau G/1 est IV, alors que pour les emplois de niveau H/2, l'échelon de départ est III.

Iyo imyanya y'imirimu iri ku nzego za 3 kugeza kuri 14, kuyizamukaho mu ntera ntambike uva kuri I ujya kuri II bihesha umukozi uzamuwe uburenganzira ku nyongera ya gatanu ku ijana (5%) y'umubare fatizo. Kuva ku ngazi ntambike ya II ujya kuya III, bihesha umukozi uzamuwe uburenganzira ku nyongera ya cumi na gatanu ku ijana (15%) by'umubare fatizo.

Ku myanya y'imirimu yose, iyo Umukozi avuye ku ngazi ntambike ya III ajya ku ikurikiye kugeza kuya XVI, buri zamurwa mu ngazi ntambike imwe rimuhesha uburenganzira ku nyongera y'icumi ku ijana (10%) by'umubare fatizo.

Iyo umwanya w'umutangizi ufite ingazi ntambike ya III cyangwa iyisumba, buri zamurwa mu ngazi ntambike ry'umukozi uwukoraho rimuhesha uburenganzira ku nyongera y'icumi ku ijana (10%) by'umubare fatizo.

Ingingo ya 11: Imbonerahamwe y'urutonde rw'imirimu n'imbonerahamwe y'imibare fatizo

Imbonerahamwe y'urutonde rw'imirimu n'imbonerahamwe y'imibare fatizo ziri ku mugereka ya I n'uwa II y'iri teka.

Ingingo ya 12: Ibigenerwa umwanya w'umurimo

Umukozi agenerwa umushahara n'ibindi hakurikijwe uburemere bw'umurimo akora

For job positions on level 3 to 14, the horizontal promotion from step I to II shall give right to an increment of five percent (5%) of the index. From step II to III, the horizontal promotion shall give right to an increment of fifteen percent (15%) of the index.

For all jobs, each horizontal step promotion from step III gradually to XVI, the step promotion gives right to an increment of ten percent (10%) of the index.

Where a job position has an entry point of step III or higher, each horizontal step promotion applied to the incumbent shall give right to an increment of ten percent (10%) of the index.

Article 11: Job classification table and index grid

The classification table of jobs and the index grid are respectively in annex I and II of this Order.

Article 12: Job benefits

The salary and fringe benefits shall be determined in consideration of the weight of the

Pour les postes d'emplois du niveau 3 à 14, la progression horizontale de l'échelon I à l'échelon II donne à l'agent de l'Etat le droit à une augmentation de cinq pour cent (5%) de l'indice. La progression horizontale de l'échelon II à l'échelon III donne droit à une augmentation de quinze pour cent (15%) de l'indice.

De l'échelon III à l'échelon XVI la progression horizontale d'un échelon à l'autre donne droit à une augmentation de dix pour cent (10%) de l'indice, pour tous les postes d'emploi.

Toute progression horizontale pour les postes d'emploi dont l'échelon de départ est supérieur ou égal à III donne droit à une augmentation de dix pour cent (10 %) de l'indice.

Article 11: Tableau de classification des emplois et grille indiciaire

Le tableau de classification des emplois et la grille indiciaire sont respectivement aux annexes I et II du présent arrêté.

Article 12: Avantages liés à l'emploi

Le salaire et avantages liés à l'emploi sont déterminés par l'importance de la fonction

n'intera agezeho.

Icyakora iyo umushahara n'ibindi bigenerwa umukozi bigenwa mu buryo bwihariye hakurikijwe imiterere yihariye y'umurimo, urutonde rw'imirimo rwifashishwa mu bijyanye na porotokole gusa kuri iyo mirimo yihariye.

UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 13: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranije n'iri teka

Iteka rya Perezida n° 17/01 ryo ku wa 23/01/2013 rishyiraho imbonerahamwe y'urutonde rw'imirimo mu Butegetsu bwa Leta n'izindi ngingo zose z'amateka abanziriza iri zinyuranyije na ryo bivanyweho.

Ingingo ya 14: Abashinzwe kubahiriza iri teka

Minisitiri w'Intebe, Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi basabwe kubahiriza iri teka.

Ingingo ya 15: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro karyo gahera ku wa 29/07/2014.

job and the attained grade.

However, in case salaries and fringe benefits are determined according to special criteria required by the nature of the service, the job classification shall be referred to for protocol purposes only.

CHAPTER III: FINAL PROVISIONS

Article 13: Repealing provision

The Presidential Order n° 17/01 of 23/01/2013 establishing the job classification in Rwanda Public Service and all other prior regulations contrary to this Order are hereby repealed.

Article 14: Authorities responsible for the implementation of this Order

The Prime Minister, the Minister of Public Service and Labour and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementing this Order.

Article 15: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It shall take effect as of 29/07/2014.

exercée et le grade atteint.

Cependant, au cas où les salaires et autres avantages sont déterminés sur base des critères spéciaux requis par la nature du service concerné, la classification des emplois sert pour usage protocolaire seulement.

CHAPITRE III : DISPOSITIONS FINALES

Article 13: Disposition abrogatoire

L'Arrêté Présidentiel n° 17/01 du 23/01/2013 portant classification des emplois de l'Administration Publique ainsi que toutes les dispositions réglementaires antérieures contraires au présent arrêté sont abrogés.

Article 14: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Le Premier Ministre, le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre des Finances et de la Planification Economique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Article 15: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Il sort ses effets à partir du 29/07/2014.

Official Gazette n° 39 of 28/09/2015

Kigali, ku wa 19/08/2015

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizeho Ikirango cya
Repubulika:**

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on 19/08/2015

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
MUREKEZI Anastase
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le 19/08/2015

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

Official Gazette n° 39 of 28/09/2015

UMUGEREKA WA I W'ITEKA RYA PEREZIDA N° 53/01 RYO KU WA 19/08/2015 RISHYIRAHO IMBONERAHAMWE Y'URUTONDE RW'IMIRIMO N'IMIBARE FATIZO Y'IMISHAHARA MU BUTEGETSI BWA LETA	ANNEX I TO THE PRESIDENTIAL ORDER N° 53/01 OF 19/08/2015 ESTABLISHING THE JOB CLASSIFICATION AND SALARY INDEX GRID IN PUBLIC SERVICE	ANNEXE I A L'ARRETE PRESIDENTIEL N° 53/01 DU 19/08/2015 PORTANT CLASSIFICATION DES EMPLOIS ET GRILLE INDICIAIRE DE SALAIRES DANS LA FONCTION PUBLIQUE
---	---	--

Official Gazette n° 39 of 28/09/2015

Table of Job classification

LEGISLATIVE	EXECUTIVE			JUDICIARY	Category of job	Scale with letters	Scale with figures
Senate / Chamber of Deputies	PRESIDENT's Office	PM's Office	Ministry	Supreme Court			
	PRESIDENT OF THE REPUBLIC				P o l i t i c i a n s a n d S e n i o r P u b l i c S e r	A	
PRESIDENT OF THE SENATE SPEAKER OF THE CHAMBER OF DEPUTIES		PRIME MINISTER		PRESIDENT OF THE SUPREME COURT		B	
						C	
V/PRESIDENT OF THE SENATE DEPUTY SPEAKER OF THE CHAMBER OF DEPUTIES	MINISTER IN PRESIDENT OFFICE	MINISTER IN PRIME MINISTER OFFICE	MINISTER / ATTORNEY GENERAL	V/P SUPREME COURT		D	
	DIRECTOR OF CABINET	DIRECTOR OF CABINET	MINISTER OF STATE OTHER CABINET MEMBER			E	
	DEPUTY DIRCAB			JUDGE SUPREME COURT PRESIDENT HIGH COURT PRESIDENT COMMERCIAL HIGH COURT		F	
MEMBER OF PARLIAMENT (SENATE & CHAMBER OF DEPUTIES) CLERK	PERSONAL PHYSICIAN OF THE PRESIDENT PRINCIPAL PRIVATE SECRETARY OF THE PRESIDENT SENIOR SPEECH WRITER SPEECH WRITER SENIOR ADVISOR OF THE PRESIDENT ADVISOR OF THE PRESIDENT PRINCIPAL LEGAL ADVISOR HEAD OF STRATEGY AND POLICY UNIT		PERMANENT SECRETARY SOLLICITOR GENERAL AMBASSADOR	SECRETARY GENERAL SC V / PRESIDENT HIGH COURT V / PRESIDENT COMMERCIAL HIGH COURT INSPECTOR GENERAL SUPREME COURT		G	1
ADVISOR TO THE PRESIDENT OF THE SENATE ADVISOR TO THE SPEAKER	DEPUTY HEAD OF STRATEGY AND POLICY UNIT PRIVATE SECRETARY	ADVISOR TO THE PM HEAD OF GOVERNMENT ACTION COORDINATION UNIT SPEECH WRITER	MINISTER CONSELLOR OF EMBASSY PRINCIPAL STATE ATTORNEY HEAD OF DEPARTMENT ECONOMIC ADVISOR CHIEF INTERNAL AUDITOR CHIEF ECONOMIST DIRECTOR GENERAL OF FINANCIAL SECTOR DIRECTORATE DIRECTOR GENERAL OF NATIONAL BUDGET DIRECTORATE DIRECTOR GENERAL OF NATIONAL DEVELOPMENT PLANNING & RESEARCH DIRECTORATE ACCOUNTANT GENERAL SENIOR PRINCIPAL ENGINEER SENIOR PRINCIPAL TECHNOLOGIST	ADVISOR TO THE PRESIDENT SUPREME COURT INSPECTOR SUPREME COURT CHIEF REGISTRAR SUPREME COURT JUDGE HIGH COURT JUDGE COMMERCIAL HIGH COURT			
DEPUTY CLERK							

Official Gazette n° 39 of 28/09/2015

LEGISLATIVE	EXECUTIVE			JUDICIARY	Category of job	Scale with letters	Scale with figures		
Senate / Chamber of Deputies	PRESIDENT's Office	PM's Office	Ministry	Supreme Court					
